**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

# AMABWIRIZA N⁰ 01/2019 YO KU WA 06 KANAMA 2019 YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA AGENGA ITORA RY'ABAGIZE INAMA NJYANAMA NA KOMITE NYOBOZI BY'UMUJYI WA KIGALI.

**Kanama, 2019**

## ISHAKIRO

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE** ... 3
Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije ... 3
Ingingo ya 2: Inzego z'Ubuyobozi zitorerwa ku rwego rw'Umujyi wa Kigali ... 3
Ingingo ya 3: Umubare wa ngombwa kugira ngo itora ritangire ... 3
Ingingo ya 4: Gutangaza ibyavuye mu matora n'uwatsindiye umwanya ... 3
Ingingo ya 5: Isubirwamo ry'itora igihe hari Abakandida banganyije amajwi ... 3
**UMUTWE WA 2: ITORA RY'ABAJYANAMA B'UMUJYI WA KIGALI BATORWA** ... 4
Ingingo ya 6: Umubare w'Abajyanama batorerwa muri buri Karere k'Umujyi wa Kigali ... 4
Ingingo ya 7: Igihe naho gutanga kandidatire bikorerwa ... 4
Ingingo ya 8: Ibyangombwa bigomba guherekeza kandidatire ... 4
Ingingo ya 9: Isuzumwa, iyemezwa n'itangazwa rya kandidatire ... 4
Ingingo ya 10: Igihe cyo kwiyamamaza n'aho kwiyamamariza ... 4
Ingingo ya 11: Abagize Inteko itora ... 4
Ingingo ya 12: Aho amatora abera ... 4
Ingingo ya 13: Igihe cyo gutangira no gusoza itora ... 4
Ingingo ya 14: Indahiro itangiza itora ... 5
Ingingo ya 15: Gutangiza itora ... 5
Ingingo ya 16: Ibyangombwa uje gutora yitwaza ... 5
Ingingo ya 17: Uburyo bwo gutora ... 5
Ingingo ya 18: Gusoza itora ... 5
Ingingo ya 19: Ibarura ry'amajwi. ... 5
**UMUTWE WA 3: ITORA RYA BIRO Y'INAMA JYANAMA Y'UMUJYI WA KIGALI** ... 6
Ingingo ya 20 : Ibisabwa umukandida ... 6
Ingingo ya 21: Itangwa rya kandidatire no kwiyamamaza ... 6
Ingingo ya 22: Itora ry'abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali ... 6
**UMUTWE WA 4: ITORA RYA KOMITE NYOBOZI Y'UMUJYI WA KIGALI** ... 7
Ingingo ya 23 : Ibisabwa umukandida ... 7
Ingingo ya 24: Itangwa rya kandidatire no kwiyamamaza ... 7
Ingingo ya 25: Abagize Inteko itora ... 7
Ingingo ya 26: Uburyo bwo gutora ... 7
**UMUTWE WA 5: INGINGO ZISOZA** ... 7
Ingingo ya 27: Ivanwaho ry'ingingo z'amabwiriza abanziriza aya ... 7
Ingingo ya 28: Ishyirwa mu bikorwa ry'aya Mabwiriza ... 8
**UMUGEREKA WA 1: INDAHIRO Y'ABAYOBORA IMIRIMO Y'AMATORA** ... 9
**UMUGEREKA WA 2: INYANDIKO MVUGO ITANGIZA ITORA** ... 10
**UMUGEREKA WA 3: INYANDIKOMVUGO ISOZA ITORA** ... 11
**UMUGEREKA WA 4: INYANDIKO MVUGO Y'IBARURA RY'AMAJWI** ... 12
**UMUGEREKA WA 5: INYANDIKOMVUGO Y'IMIGENDEKERE Y'ITORA RY'ABAGIZE BIRO Y'INAMA NJYANAMA Y'UMUJYI WA KIGALI** ... 13
**UMUGEREKA WA 6: INYANDIKOMVUGO Y'IMIGENDEKERE Y'AMATORA Y'ABAGIZE KOMITE NYOBOZI Y'UMUJYI WA KIGALI** ... 15

**AMABWIRIZA N$^0$ 01/2019 YO KU WA 06 KANAMA 2019**

**YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA AGENGA ITORA RY'ABAGIZE INAMA NJYANAMA NA KOMITE NYOBOZI BY'UMUJYI WA KIGALI**

**Inama y'Abakomiseri;**

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 2 n'iya 139;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga N$^0$ 001/2019 OL. ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3 n'iya 139;

Ishingiye ku Itegeko N°31/2005 ryo ku wa 24/12/2005 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nk'uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3 n'iya 5;

Ishingiye ku Itegeko Nº 22/2019 ryo ku wa 29/07/2019 rigenga Umujyi wa Kigali, cyane cyane mu ngingo zaryo zaryo, iya 8 iya 11, iya 12 n'iya 24;

Imaze kuyasuzuma no kuyemeza mu nama yayo yo ku wa 06 Kanama 2019;

**Itanze amabwiriza akurikira:**

## UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije**

Aya mabwiriza agenga itora ry'Abagize Inama Njyanama na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali.

**Ingingo ya 2: Inzego z'Ubuyobozi zitorerwa ku rwego rw'Umujyi wa Kigali**

Inzego z'Ubuyobozi zitorerwa ku rwego rw'Umujyi wa Kigali ni izi zikurikira:

1° Abajyanama b'Umujyi wa Kigali batorerwa muri buri Karere ko mu Mujyi wa Kigali;
2° Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali;
3° Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali.

**Ingingo ya 3: Umubare wa ngombwa kugira ngo itora ritangire**

Kuri buri cyiciro cy'itora, itora ritangira iyo hari nibura ubwiganze burunduye (50% +1) bw'abagize Inteko itora.

**Ingingo ya 4: Gutangaza ibyavuye mu matora n'uwatsindiye umwanya**

Kuri mwanya utorerwa,Umukandida warushije abandi amajwi niwe uba watowe. Ibyavuye mu matora bitangazwa na Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora cyangwa uwo yabihereye ububasha.

**Ingingo ya 5: Isubirwamo ry'itora igihe hari Abakandida banganyije amajwi**

Iyo hari abakandida banganyijwe amajwi, itora risubirwamo ako kanya kuri abo banganyije amajwi Iyo bongeye kunganya amajwi, hakoreshwa **tombola** kugira ngo hamenyekane uwegukanye uwo mwanya.

Muri iryo **tombola** uyobora amatora ashaka impapuro zitorerwaho zingana n'umubare w'abanganyije amajwi, akandika kuri rumwe YEGO izisigaye akazandikaho OYA.

## UMUTWE WA 2: ITORA RY'ABAJYANAMA B'UMUJYI WA KIGALI BATORWA

**Ingingo ya 6: Umubare w'Abajyanama batorerwa muri buri Karere k'Umujyi wa Kigali**

Muri buri Karere k'Umujyi wa Kigali hatorwa Abajyanama babiri (2) barimo Umugabo umwe (1) n'Umugore umwe (1).

**Ingingo ya 7: Igihe naho gutanga kandidatire bikorerwa**

Igikorwa cyo gutanga kandidatire ku Bajyanama batorerwa muri buri Karere k'Umujyi wa Kigali gitangira tariki ya **07/08/2019 kigasoza tariki ya 09/08/2019.** Kandidatire itangwa n'umuntu ku giti cye.

Kandidatire zakirwa mu minsi y'akazi kuva saa moya za mu gitondo (7:00 am) kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi (05:00 pm).

Kandidatire zakiririwa n'Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Akarere kandi utanze kandidatire ahabwa icyemezo cy'iyakira rya kandidatire ye.

**Ingingo ya 8: Ibyangombwa bigomba guherekeza kandidatire**

Kandidatire iherekezwa n'ibyangombwa bikurikira:

1° ibaruwa itanga kandidatire;
2° fotokopi y'ikarita ndangamuntu cyangwa iy'ikindi cyemezo kigaragaza ko ari Umunyarwanda gitangwa n'inzego zibifitiye ububasha;
3° fotokopi y'impamyabumenyi cyangwa iy'impamyabushobozi iriho umukono wa Noteri;
4° amafoto abiri (2) magufi y'amabara;
5° icyemezo cy'amavuko kitarengeje amezi atatu (3) gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha;
6° icyemezo kitarengeje amezi atandatu (6) kigaragaza ko umuntu atafunzwe cyangwa yafunzwe n'icyo yafungiwe gitangwa n'urwego rw'Igihugu rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 9: Isuzumwa, iyemezwa n'itangazwa rya kandidatire**

Dosiye z'Abakandida zakiriwe ku rwego rw'Akarere zoherezwa ku cyicaro cya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, kugira ngo zisuzumwe mbere yo kwemeza abakandida bujuje ibyangombwa.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora itangaza Abakandida bemejwe ikoresheje itangazamakuru n'ubundi buryo bushoboka. Abakandida bemejwe bazatangazwa bitarenze tariki ya **09/08/2019.**

**Ingingo ya 10: Igihe cyo kwiyamamaza n'aho kwiyamamariza**

Ku itariki ya **16/08/2019** umukandida ubishaka azitegurira igikorwa cyo kwiyamamariza ku giti cye mu Karere atorerwamo.

Ku munsi w'itora, tariki ya **17/08/ 2019**, abakandida baziyamamaza imbere y'Abagize Inteko itora. Buri mukandida ahabwa iminota itari munsi y'itanu (5) ariko itarenze cumi n'itanu (15) yo kwiyamamaza.

**Ingingo ya 11: Abagize Inteko itora**

Abajyanama b'Umujyi wa Kigali batorerwa muri buri Karere ko mu Mujyi wa Kigali, batorwa n'abagize Inama Njyanama z'Imirenge igize ako Akarere.

**Ingingo ya 12: Aho amatora abera**

Amatora y'Abajyanama batorwa muri buri Karere k'Umujyi wa Kigali abera muri buri Karere ahagenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. Aho abera hamenyekanishwa nibura iminsi ibiri (2) mbere y'umunsi w'itora.

**Ingingo ya 13: Igihe cyo gutangira no gusoza itora**

Amatora atangira saa yine za mu gitondo (10:00 am), iyo hari nibura ubwiganze burunduye (50% +1) bw'abagize Inteko itora, rigasozwa bitarenze saa munani (02:00 pm).

**<u>Ingingo ya 14</u>: Indahiro itangiza itora**

Mbere yo gutangiza itora, Perezida w'Ibiro by'itora, Umuhuzabikorwa w'Icyumba cy'itora n'Abaseseri barahirira imbere y'abaturage bahageze, indahiro ikurikira:
«Jyewe,……………………,
*ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro:*
*1) ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda;*
*2) ko nzubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko;*
*3) ko nzaharanira uburenganzira bw`ibanze bwa muntu n`ibyagirira Abanyarwanda bose akamaro;*
*4) ko nzaharanira ubumwe bw'Abanyarwanda;*
*5) ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe;*
*6) ko ntazakoresha ububasha mpawe mu nyungu zanjye bwite.*
*Nintatira iyi ndahiro, nzabihanirwe n'amategeko.*
*Imana ibimfashemo».*

Mbere yo kuyobora amatora, Perezida w'Ibiro by'itora n'Abaseseri babanza kurahirira imbere y'abahari. Iyo bamaze kurahira bashyira umukono ku nyandiko z'indahiro zabo. Imiterere y'inyandikomvugo y'indahiro itangiza itora igaragara ku mugereka wa **mbere (1)** w'aya Mabwiriza.

**<u>Ingingo ya 15</u>: Gutangiza itora**

Nyuma yo kurahira no gusobanurira abagize Inteko itora imigendekere y'amatora, Umuhuzabikorwa w'Ibiro by'itora yuzuza inyandikomvugo itangiza itora. Imiterere y'iyi nyandikomvugo igaragara ku **mugereka wa kabiri (2) w'aya Mabwiriza**.

Mbere y'uko itora nyirizina ritangira, umuhuzabikorwa w'amatora yereka abahari ko agasanduku k'itora karimo ubusa, akagafunga akoresheje imigozi yabugenewe, agasiga umwenge umwe wo gucishamo impapuro z'itora, akongera kugafungura ibarura ry'amajwi ritangiye. Nyuma yo kubarura amajwi, agasanduka k'itora kongera gufungwa karimo impapuro zatoreweho n'izitatoreweho.

**<u>Ingingo ya 16</u>: Ibyangombwa uje gutora yitwaza**

Buri muntu wanditse ku ilisiti y'itora yemererwa gutora ari uko yerekanye ikarita ndangamuntu ye, cyangwa ikindi cyemezo kigaragaza ko ari Umunyarwanda gitangwa n'inzego zibifitiye ububasha. Iyo ushaka gutora adafite ikimuranga, Umuhuzabikorwa w'amatora amwemerera gutora hamaze gukorwa igenzura rigamije kumenya niba uje gutora ariwe ubifitiye uburenganzira**.**

**<u>Ingingo ya 17</u>: Uburyo bwo gutora**

Itora ry'Abajyanama batorerwa muri buri Karere k'Umujyi wa Kigali rikorwa mu buryo buziguye mu ibanga**.** Utora ahabwa impapuro ibyiri (2). Mu gutora, urupapuro rumwe arukoresha mu gutora umugore, urundi akarukoresha mu gotora umukandida w'umugabo.

Muri aya matora, hifashishwa impapuro zagenwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ziriho kashe yayo n'amazina y'abakandida n'aho utora avivura imbere y'izina ry'umukandida.

Utora avivura imbere y'izina ry'umukandida umwe (1) yahisemo mu bagabo n'imbere y'izina ry'uwo yahisemo mu bagore. Utoye umukandida urenze umwe (1) mu bagabo cyangwa mu bagore ijwi riba imfabusa aho yarengeje umwe, mu bagore cyangwa mu bagabo.

**<u>Ingingo ya 18</u>: Gusoza itora**

Itora rirangiye, Perezida w'Ibiro by'itora akora inyandikonvugo isoza itora. Imiterere y'iyo nyandikomvugo igaragara ku **mugereka wa gatatu (3)** w'aya Mabwiriza.

**<u>Ingingo ya 19</u>: Ibarura ry'amajwi**

Mbere yo kubarura amajwi, habanza guhuzwa umubare w'impapuro zatoreweho n'umubare w'abatoye.

Ibarura ry'amajwi rikorerwa mu ruhame itora rikirangira bigakorwa na Perezida w'Ibiro by'itora afatanyije n'Abaseseri b'amatora.

Perezida w'Ibiro by'itora amenyesha abantu bahari ibyavuye mu matora.Yuzuza inyandikomvugo y'ibyavuye mu matora hakurikijwe imiterere **y'umugereka wa kane (4)** w'aya Mabwiriza.

## UMUTWE WA 3: ITORA RYA BIRO Y'INAMA JYANAMA Y'UMUJYI WA KIGALI

**<u>Ingingo ya 20</u>: Ibisabwa umukandida**

Uwiyamamariza umwanya muri Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali agomba kuba:

1° ari mu bagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali;
2° afite nibura impamyabumenyi y'icyiciro cya mbere cya kaminuza cyangwa icy'ishuri rikuru yemewe na Leta.

Icyakora, ufite nibura impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi y'amashuri atandatu (6) yisumbuye yemewe na Leta n'uburambe nibura bw'imyaka itanu (5) mu buyobozi ashobora kwemererwa kwiyamamaza.

**<u>Ingingo ya 21</u>: Itangwa rya kandidatire no kwiyamamaza**

Buri Mujyanama wujuje ibisabwa afite uburenganzira bwo gutanga kandidatire ku mwanya w'abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali. Gutanga kandidatire no kwiyamamaza ku mwanya w'abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali bikorwa ku munsi w'itora imbere y'abagize Inama Njyanama mbere y'itora nyirizina.

Mbere y'itora nyirizina buri mukandida ahabwa iminota itari munsi y'itanu (5) ariko itarenze cumi n'itanu (15) yo kwiyamamaza.

**<u>Ingingo ya 22</u>: Itora ry'abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali**

Abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali bitoramo Biro igizwe na Perezida, Visi Perezida n'Umunyamabanga. Mu bagize Biro, hagomba kubamo nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagore.
Itora ribera ahagenwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Itora rikorwa mu buryo buziguye kandi mu ibanga. Utora yandika amazina y'umukandida yihitiyemo ku rupapuro rugenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. Mu gutora, abagize Inama Njyanama babanza gutorera umwanya wa Perezida, bagakurikizaho umwanya wa Visi Perezida, hagaheruka uw'Umunyamabanga. Buri mwanya utorerwa ukwawo. Umukandida udatorewe umwanya umwe ashobora kwiyamamaza ku yindi myanya ikurikiraho.

Muri aya matora, Umukandida warushije abandi amajwi niwe uba watowe. Icyakora iyo hari abanganyije amajwi, amatora asubirwamo hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 05 y'aya Mabwiriza.

Abayoboye amatora bakora inyandikomvugo igaragaza imigendekere y'iri tora. Imiterere y'iyo nyandikomvugo igaragara ku **mugereka wa gatanu (5)** w'aya Mabwiriza.

## UMUTWE WA 4: ITORA RYA KOMITE NYOBOZI Y'UMUJYI WA KIGALI

**<u>Ingingo ya 23</u>: Ibisabwa umukandida**

Ushaka kwiyamamariza kujya muri Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali, agomba kuba:

1) ari mu bagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali;
2) afite nibura impamyabumenyi y'icyiciro cya mbere cya kaminuza cyangwa icy'ishuri rikuru yemewe na Leta.

Icyakora, ufite nibura impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi y'amashuri atandatu (6) yisumbuye yemewe na Leta n'uburambe nibura bw'imyaka itanu (5) mu buyobozi ashobora kwemererwa kwiyamamaza.

Ushaka kwiyamamariza umwanya w'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali agomba kuba afite nibura imyaka mirongo itatu n'itanu (35) y'amavuko.

**<u>Ingingo ya 24</u>: Itangwa rya kandidatire no kwiyamamaza**

Gutanga kandidatire no kwiyamamaza ku myanya yo muri Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali bikorwa ku munsi w'itora imbere y'abagize inteko itora mbere y'itora nyirizina. Gutanga kandidatire no kwiyamamaza ku mwanya w'abagize Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali bikorwa ku munsi w'itora imbere y'abagize Inama Njyanama mbere y'itora nyirizina.

Mbere y'itora nyirizina buri mukandida ahabwa iminota itari munsi y'itanu (5) ariko itarenze cumi n'itanu (15) yo kwiyamamaza.

**<u>Ingingo ya 25</u>: Abagize Inteko itora**

Inteko itora Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali igizwe n'aba bakurikira:

1) abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali;
2) abagize Biro z'Inama Njyanama z'imirenge yose iri mu Mujyi wa Kigali.

**<u>Ingingo ya 26</u>: Uburyo bwo gutora**

Itora ry'abagize Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali rikorwa mu buryo buziguye kandi mu ibanga. Utora yandika amazina y'Umukandida yahisemo ku rupapuro rwagenwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.
Itora ribera ahagenwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Mu gutora, abagize Inteko itora babanza gutorera umwanya w'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, bagakurikizaho umwanya w'Umuyobozi Wungirije ushinzwe Imiturire n'Ibikorwa remezo, nyuma hagatorwa Umuyobozi Wungirije ushinzwe Ubukungu n'Imibereho Myiza y'Abaturage.

Buri mwanya utorerwa ukwawo. Umukandida udatorewe umwanya umwe ashobora kwiyamamaza ku yindi myanya ukurikiraho.

Muri aya matora, Umukandida warushije abandi amajwi ku mwanya utorerwa niwe uba yatowe. Icyakora iyo hari abanganyije amajwi, itora risubirwamo hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 05 y'aya Mabwiriza.
Mu bagize Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali, hagomba kubamo nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagore.

Abayoboye amatora bakora inyandikomvugo igaragaza imigendekere y'itora. Imiterere y'iyo nyandikomvugo igaragara ku **mugereka wa gatandatu (6)** w'aya Mabwiriza.

## UMUTWE WA 5: INGINGO ZISOZA

**<u>Ingingo ya 27</u>: Ivanwaho ry'ingingo z'amabwiriza abanziriza aya**

Ingingo zose z'Amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranye nayo zivanyweho.

**<u>Ingingo ya 28</u>: Ishyirwa mu bikorwa ry'aya Mabwiriza**

Aya Mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi yashyiriweho umukono na Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Bikorewe i Kigali ku wa 06 Kanama 2019.

**Prof. Kalisa Mbanda,**
**Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**

REPUBULIKA Y'U RWANDA
***KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA***

**UMUGEREKA WA 1: INDAHIRO Y'ABAYOBORA IMIRIMO Y'AMATORA**

"Jyewe..............................................;
Ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro:

1) ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda;
2) ko nzubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko;
3) ko nzaharanira uburenganzira bw'ibanze bwa muntu n'ibyagirira Abanyarwanda bose akamaro;
4) ko nzaharanira ubumwe bw'Abanyarwanda;
5) ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe;
6) ko ntazakoresha ububasha mpawe mu nyungu zanjye bwite.

Nintatira iyi ndahiro, nzabihanirwe n'amategeko.
Imana ibimfashemo".

Amazina n'umukono byabamaze kurahira Amazina n'umukono by'urahiza

REPUBULIKA Y'U RWANDA
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

**UMUGEREKA WA 2: INYANDIKO MVUGO ITANGIZA ITORA**

ICYICIRO CY'ABATORWA: ...........................................................................................................

Ibiro by'itora bya..............................................

Umwaka wa 2019, Ukwezi kwa Kanama, umunsi wa 17
Twebwe…………………………….........……..............…….., Perezida w'Ibiro by'itora dufatanije n'abaseseri mu cyumba cy'itora dutangije itora ku buryo bukurikira:

Ijanisha

1) Umubare w`abagize Inteko itora bose bahari

2) Itora ritangiye saa:

Amazina n'Imikono
by'abaseseri ku biro
1)...............................................
2)................................................
3)................................................

Amazina n'Umukono
bya Perezida w'Ibiro by'itora
1...................................................

REPUBULIKA Y'U RWANDA
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

**UMUGEREKA WA 3: INYANDIKOMVUGO ISOZA ITORA**

ICYICIRO CY'ABATORWA: ..........................................................................................................

Ibiro by'itora bya.......................................................................................................................................
Umwaka wa 2019, ukwezi kwa Kanama, umunsi wa 17, twebwe.........................................................................,
Perezida w'Ibiro, dufatanije n'Abaseseri mu cyumba cy'itora,

Dushoje itora saa............................. .

Amazina n'Umukono bya Perezida
w'Ibiro by'itora
.......................................................

<u>Amazina n'Imikono by'Abaseseri</u>

**1. .......................................................**
**2. .......................................................**
**3. .......................................................**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

**UMUGEREKA WA 4: INYANDIKO MVUGO Y'IBARURA RY'AMAJWI**

ICYICIRO CY'ABATORWA: ..........................................................................................

Ibiro by'itora bya ............................................
Umwaka wa 2019, Ukwezi kwa Kanama, Umunsi wa 17,
twebwe..............................................................., Perezida w'Ibiro by'itora n'Abaseseri ku biro by'itora, tumaze gusoza itora no kubarura amajwi y'abatoye dusanze:

1) Umubare w'abagize inteko itora w'abagombaga gutora bari ku ilisiti: Gore [ ] Gabo [ ] Bose [ ]

2) Umubare w'abatoye bari ku ilisiti y'itora: Gore [ ] Gabo [ ] Bose [ ]

3) Umubare w'abatoye neza: [ ]

4) Umubare w'impapuro z'itora zabaye impfabusa: [ ]

**AMAJWI ABAKANDIDA BABONYE**

| N$^{O}$ | AMAZINA Y'UMUKANDIDA | AMAJWI YABONYE | % |
|---|---|---|---|
| | | | |
| | | | |
| | | | |
| | | | |
| | | | |
| | | | |
| | | | |
| | | | |

Amazina n'umukono bya Perezida w'Ibiro: ..........................................................................................
.............................................................................................................................................

Amazina n'imikono by'Abaseseri b'Ibiro w'Ibiro by'itora.................................................................
1...............................................................

2.......................................................... ...

3 ..............................................................

REPUBULIKA Y'U RWANDA
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

**<u>UMUGEREKA WA 5</u>: INYANDIKOMVUGO Y'IMIGENDEKERE Y'ITORA RY'ABAGIZE BIRO Y'INAMA NJYANAMA Y'UMUJYI WA KIGALI**

Umwaka wa 2019, Ukwezi kwa Kanama, Umunsi wa 17, twebwe ................................................................ ......................................................... Umuhuzabikorwa w'imirimo y'amatora mu Mujyi wa Kigali, dufatanyije n'abaseseri b'Ibiro y'itora, twayoboye amatora y'abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali ku buryo bukurikira:

1) Umubare w'abagize Inteko itora bagombaga gutora. Gore [ ] Gabo [ ] Bose [ ]
2) Umubare w'abagize Inteko itora bari bahari amatora atangira. Gore [ ] Gabo [ ] Bose [ ]
3) Umubare w'abagore n'abagabo batoye: Gore [ ] Gabo [ ] Bose [ ]
4) Ijanisha ry'abitabiriye amatora: [ ]

A. **ABAKANDIDA BIYAMAMAJE N'AMAJWI BABONYE**

**1. Abakandida Ku Mwanya Wa Perezida**

| N° | AMAZINA | AMAJWI YABONYE | IGITSINA | AMASHURI YIZE | IMYAKA Y'AMAVUKO |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | | | | | |
| 2 | | | | | |
| 3 | | | | | |
| 4 | | | | | |

**2. Abakandida ku mwanya wa Visi-Perezida**

| N° | AMAZINA | AMAJWI YABONYE | IGITSINA | AMASHURI YIZE | IMYAKA Y'AMAVUKO |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | | | | | |
| 2 | | | | | |
| 3 | | | | | |
| 4 | | | | | |

**3. Abakandida ku mwanya w'Umunyamabanga**

| N° | AMAZINA | AMAJWI YABONYE | IGITSINA | AMASHURI YIZE | IMYAKA Y'AMAVUKO |
|---|---|---|---|---|---|
| **1** | | | | | |
| **2** | | | | | |
| **3** | | | | | |
| **4** | | | | | |

## B. ABAGIZE BIRO Y'INAMA NJYANAMA BATOWE NI:

| N° | AMWANYA YATOREWE | AMAZINA | M/F | AMAJWI YABONYE | AMASHURI YIZE | IMYAKA Y'AMAVUKO |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Perezida | | | | | |
| 2 | V/Perezida | | | | | |
| 3 | Umunyamabanga | | | | | |

Amazina n'umukono bya Perezida w'Ibiro: ..........................................................................................
..........................................................................................................................................

Amazina n'imikono by'Abaseseri b'Ibiro w'Ibiro by'itora...............................................................................
1................................................................

2....................................................................

3 .................................................................

Amazina, kashe n'umukono by'Umuhuzabikorwa w'amatora mu Mujyi wa Kigali
..........................................................................................................................

REPUBULIKA Y'U RWANDA
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

**<u>UMUGEREKA WA 6</u>: INYANDIKOMVUGO Y'IMIGENDEKERE Y'AMATORA Y'ABAGIZE KOMITE NYOBOZI Y'UMUJYI WA KIGALI**

Umwaka wa 2019, Ukwezi kwa Kanama, Umunsi wa 17, twebwe ............................................................ .......................................................... Umuhuzabikorwa w'imirimo y'amatora mu Mujyi wa Kigali, dufatanyije n'abaseseri b'Ibiro y'itora, twayoboye amatora y'abagize Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali ku buryo bukurikira:

1) Umubare w'abagize Inteko itora bagombaga gutora. Gore [ ] Gabo [ ] Bose [ ]
2) Umubare w'abagize Inteko itora bari bahari amatora atangira Gore [ ] Gabo [ ] Bose [ ]
3) Umubare w'abagore n'abagabo batoye Gore [ ] Gabo [ ] Bose [ ]
4) Ijanisha ry'abitabiriye amatora: [ ]

C. **ABAKANDIDA BIYAMAMAJE N'AMAJWI BABONYE**

**1) Abakandida ku mwanya w'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali**

| N° | AMAZINA | AMAJWI YABONYE | IGITSINA | AMASHURI YIZE | IMYAKA Y'AMAVUKO |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | | | | | |
| 2 | | | | | |
| 3 | | | | | |
| 4 | | | | | |

**2) Abakandida ku mwanya w'Umuyobozi Wungirije Ushinzwe Imiturire n'Ibikorwa Remezo**

| N° | AMAZINA | AMAJWI YABONYE | IGITSINA | AMASHURI YIZE | IMYAKA Y'AMAVUKO |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | | | | | |
| 2 | | | | | |
| 3 | | | | | |
| 4 | | | | | |

**3) Abakandida ku mwanya w'Umuyobozi Wungirije Ushinzwe Ubukungu n'Imibereho Myiza y'Abaturage**

| N° | AMAZINA | AMAJWI YABONYE | IGITSINA | AMASHURI YIZE | IMYAKA Y'AMAVUKO |
|---|---|---|---|---|---|
| **1** | | | | | |
| **2** | | | | | |
| **3** | | | | | |
| **4** | | | | | |

**D. ABAGIZE KOMITE NYOBOZI Y'UMUJYI BATOWE NI:**

| N° | AMWANYA YATOREWE | AMAZINA | M/F | AMAJWI YABONYE | AMASHURI YIZE | IMYAKA Y'AMAVUKO |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | **Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali** | | | | | |
| 2 | **Umuyobozi Wungirije Ushinzwe Imiturire n'Ibikorwa Remezo** | | | | | |
| 3 | **Umuyobozi Wungirije Ushinzwe Ubukungu n'Imibereho Myiza y'Abaturage** | | | | | |

Amazina n'umukono bya Perezida w'Ibiro: ........................................................................................
..................................................................................................................................................

Amazina n'imikono by'Abaseseri b'Ibiro w'Ibiro by'itora...............................................................................
1................................................................

2....................................................................

3 ................................................................

Amazina, kashe n'umukono by'Umuhuzabikorwa w'amatora mu Mujyi wa Kigali
...................................................................................................................................